Repubulika y'u Rwanda

Ubutegetsi bw'Ubucamanza

# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA AKABA NA PEREZIDA W'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA

Dr NTEZILYAYO Faustin

## ICYUMWERU CYAHARIWE KURWANYA RUSWA MU NKIKO

Kigali, kuwa 13 Gashyantare 2023.

**Nyakubahwa Visi-Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga**
**Nyakubahwa Mushinjacyaha Mukuru**
**Nyakubahwa Muvunyi Mukuru**
**Nyakubahwa Perezida w'Urugaga rw'ab'avoka**
**Ba nyakubahwa mwese muhagarariye inzego zitandukanye;**
**Banyamakuru mwaturutse mu bigo by'Itangazamakuru bitandukanye;**

Mwaramutse,

Nagira ngo ntangire mbashimira kuba mwaje kuri uyu munsi kugira ngo dufatanye gutangiza iki cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa mu nkiko. Kuba mwaje muri iki gikorwa ni ikimenyetso cy'ubufatanye bugamije guhashya ruswa atari gusa mu nzego z'ubutabera, no mu Gihugu cyose. Nk'uko byagaragaye mu cyegeranyo cya *Transparency International: Corruption Perception Index 2022*, kigaragaza uburyo abantu babona ikigero cya ruswa mu bihugu 180, ruswa ikomeje kuba ikibazo cy'ingorabahizi kuko ibangamira ingamba za Leta mu kurengera abaturage, ikagabanya icyizere abaturage bafitiye inzego za Leta, bityo igatiza umurindi ibikorwa byo guhungabanya umutekano w'ibihugu, bikandidiza ishoramari n'iterambere. Akaba ari yo mpamvu haba mu Rwanda ndetse no mu bindi bihugu ku isi yose, inzego zose zaba iza Leta cyangwa iz'abikorera ku giti cyabo, imiryango mpuzamahanga n'izindi, zikomeje gufata ingamba zo kurwanya ruswa n'ibindi byaha bisa na yo.

Nk'uko byagaragaye muri gahunda zose zigamije kurwanya ruswa, ikintu kimwe k'ingenzi mu biha icyuho ruswa bigatuma no kuyirwanya bigorana yemwe rimwe na rimwe ntibinashoboke, ni ubushake buke bwa politiki butuma habaho kudahana abantu bagaragaraho ibimenyetso by'ibyaha

bya ruswa. Bikumvikana ko bumwe mu buryo bwo kurwanya ruswa ari ugushyiraho ingamba zituma buri wese ugaragaweho ruswa abihanirwa binyuze mu nzego z'ubutabera (ubugenzacyaha, ubushinjacyaha n'inkiko) zikora kinyamwuga mu bwigenge nta kwivanga cyangwa kubangamirwa mu mikorere yazo, inzego zitabogama (impartiality), zirimo abakozi bafite ubudakemwa n'ubunyangamugayo (integrity) kandi babazwa buri gihe uko barangiza neza inshingano zabo (accountability).

Aha rero nk'uko babivuga ngo "Who will guard the Guardians (Qui va garder les gardiens? Ninde uzarinda aharinzi?), nk'inzego zitezweho kuba umurinzi w'amategeko n'iyubahirizwa ryayo, ziri ku isonga mu kubaka umuco wo kuba Igihugu kigendera ku mategeko kandi kiyubahiriza kuri bose, ni ngombwa ko inzego z'ubutabera muri rusange, Urwego rw'Ubucamanza by'umwihariko, zikora ibishoboka byose ntizinjiririrwe na ruswa n'indi mikorere mibi yabangamira inshingano ikomeye yo gutanga ubutabera buboneye abaturarwanda banyotewe.

Kurwanya ruswa n'ibindi byaha biyishamikiyeho bigomba kuba igikorwa cy'ubufatanye, ntihagire abayirebera cyangwa ngo bayihishire kuko iyo bigenze gutyo, icyo cyaha kirarandaranda, kigakururumba kugeza igihe kibereye karande (systemic corruption) bikagira ingaruka zidasubirwaho navuze haruguru zirimo kubangamira ingamba zose zo kurengera umutekano, ubusugire bw'Igihugu n'iterambere ryacyo.

Mu rwego rwo kwigenzura hagamijwe gukumira no kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza, hashyizweho Komite zo kurwanya ruswa n'ibindi byaha biyishamikiyeho mu nkiko zose, umucamanza uzikuriye akaba yabanyuriyemo muri make uko izo Komite ziteye.

Nk'uko babivuze, muri iki cyumweru cyo kurwanya ruswa mu Nkiko, turazirikana insanganyamatsiko igira iti "***RUSWA NI ICYAHA KIGUSIGA ICYASHA. WIYIHA ICYUHO***". Uko iyi nsanganyamatsiko iteye, iraburira abatekereza ko ruswa yabageza ku bukire cyangwa yabafasha kugira ibindi bifatika bageraho ko atari byo, ahubwo uyakiriye arabihanirwa kandi inzego z'ubutabera zizakomeza kubaka ubushobozi kugira ngo ibyo byaha bikurikiranwe kandi bihanirwe by'intangarugero ku buryo bibera isomo uwo ari we wese uhamijwe ibyo byaha.

Aha naboneraho kongera gushima ingamba inzego ziri mu Runana rw'Ubucamanza zirimo gufata kugira ngo tunoze imikurikiranire y'ibyo byaha, kandi nta gukura mu ruge cyangwa kudohoka kuko tuzi neza ko ari bwo buryo buboneye iyo turebye gahunda ngari y'Igihugu cyacu yo kuba Igihugu kibereye ishoramari n'ubucuruzi nk'inkingi y'iterambere.

Urwego rw'Ubucamanza ntiruzemerera uwo ari we wese gutuma hafatwa ibyemezo bishingiye kuri ruswa yaba iy'amafaranga, iy'ishimishamubiri, igitinyiro, ubucuti n'ikenewabo ndetse n'ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bubangamira ifatwa ry'ibyemezo biciye mu mucyo ari yo mpamvu rwashyizeho ingamba zihamye zo kurwanya iyi mungu, zirimo gushyiraho Komite ishinzwe kurwanya ruswa mu Rwego rw'Ubucamanza n'Umugenzuzi ushinzwe kurwanya ruswa, gushishikariza abaturage gutanga amakuru ku bakozi b'inkiko bishora mu bikorwa bya ruswa, binyuze mu biganiro bitandunye, gushishikariza abacamanza n'abanditsi ndetse n'abakozi b'inkiko kugaragaza abashaka kubaha ruswa bagakurikiranwa no gukurikiza imirongo yafashwe n'inkiko ku bibazo bisa mu rwego.

Inama Nkuru y'Ubucamanza kandi na yo iki kibazo igikurikiranira hafi aho yagiye ifatira ibihano abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko bagaragayeho ruswa n'ibindi byaha bisa na yo. Mu Mwaka ushize w'Ubucamanza kugeza ubu, hari umucamanza wirukanwe kubera icyaha cya ruswa y'ishimishamubiri, umwanditsi n'umushakashatsi mu by'amategeko na bo birukanwe kubera icyaha cya ruswa cyo kwaka ababuranyi amafaranga.

Mu gusoza iri jambo, ndagira ngo nongere nshishikarize abagana inkiko n'abaturarwanda muri rusange kujya batanga amakuru aho bumvise ruswa n'ibisa na yo kuko inzira zo gutanga amakuru zaraguwe (hari telephone **9040**, hari email : anti.corruption@judiciary.gov.rw) ndetse n'uburyo bwo kwegera abagize Komite zo kurwanya ruswa mu nkiko kuko muri buri rukiko haboneka uhagarariye Komite.

Nongeye kubibutsa ko muri iki cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa mu nkiko hazakorwa ibikorwa bitandukanye mu nkiko zose birimo kuburanisha imanza zose zerekeye ruswa, hazatangwa ibiganiro mu nteko z'abaturage no ku maradiyo na televiziyo zitandukanye, mukaba musabwe kuzakomeza kubikurikirana no gutanga umusanzu wanyu uko bikwiye.

Ku bigo by'itangazamakuru byitabiriye iki kiganiro, ndagira ngo mu izina ry'izindi nzego ziri mu Runana rw'Ubutabera ziri hano mbahe umwanya wo kungurana ibitekerezo ku buryo bwo gukomeza kurwanya ruswa n'ibindi byaha bisa na yo.

Murakoze, mugire amahoro.